**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 15 WERURWE 2014**

Ku wa gatandatu tariki ya 15 Werurwe 2014, saa mbiri n'iminota mirongo ine n'itanu za mu gitondo (08h45) ku biro by'Akarere ka Gasabo mu cyumba cy'inama, hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyobowe n'Umuyobozi wayo **Bwana MUNYENTWARI Alfred.**

Ku Bajyanama 28 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 25 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama** :

1. Umujyanama MUNYENTWARI Alfred
2. Umujyanama KAREMERA Francis
3. Umujyanama MUKESHIMANA Régine
4. Umujyanama GACONDO Frédéric
5. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
6. Umujyanama KAREGA Diogène
7. Umujyanama KAYISIRE Callixte
8. Umujyanama MUGENZI N. Léon
9. Umujyanama MASOZERA G. Pierre
10. Umujyanama MUHINDA David
11. Umujyanama MUKARUBUGA Ancilla
12. Umujyanama MUKARUKIZA Félicité
13. Umujyanama MULIGANDE Benjamin
14. Umujyanama MUNARA Jean Claude
15. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
16. Umujyanama MUSIRIKARE David
17. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
18. Umujyanama NDIZEYE K. Willy
19. Umujyanama NGENDO Alphonse
20. Umujyanama NSENGIYUMVA Ildephonse
21. Umujyanama UMULIZA Jackline
22. Umujyanama UWAMAHORO Claudine
23. Umujyanama UWAMALIYA Florentine
24. Umujyanama UWANTEGE Olive
25. Umujyanama UWANTEGE Solange
26. Umujyanama UWIMANA Marie Louise

**Abajyanama batitabiriye inama ku mpamvu zizwi:**

1. Umujyanama SHEMA NGOGA Fabrice
2. Umujyanama UWIMANA UMULISA Enatha

**Abandi bitabiriye inama:**

1. Umukozi ushinzwe Imiyoborere y'Inzego z'Ibanze muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu;
2. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere w'agateganyo'
3. Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi;
4. Umugenzuzi Bwite w'Akarere ka Gasabo.

## INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 20.12.2013 n'iy'inama yateranye ku wa 12.1.2014;
2. Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;
3. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri 2013-2014;
3. Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ka Gasabo 2013-2014;
4. Uburyo imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere y'igihembwe cya mbere n'icya kabiri 2013-2014 yashyizwe mu bikorwa;
5. Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'Imari y'Akarere mu gihembwe cya kabiri 2013-2014;
6. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
7. Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza;
8. Ibintu n'ibindi.

## UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE.

Nyuma yo kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye ikaze abagize Inama Njyanama bitabiriye inama ndetse n'abandi bose bayitabiriye, anabagezaho n'ingingo ziteganyijwe gusuzumwa muri iyi nama nk'uko bazohererejwe mu butumire. Yanabagejejeho ingingo Abajyanama bifuje ko zongerwa ku murongo w'ibyigwa mu bintu n'ibindi, maze ku bwumviikane busesuye barazemeza, bemeza ko ziri bukurikirane mu buryo bukurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 20.12.2013 n'iy'inama yateranye ku wa 12.1.2014;
2. Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;
3. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri 2013-2014;
4. Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ka Gasabo 2013-2014;
5. Uburyo imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere y'igihembwe cya mbere n'icya kabiri 2013-2014 yashyizwe mu bikorwa;
6. Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'Imari y'Akarere mu gihembwe cya kabiri 2013-2014;
7. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
8. Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza;
9. Ibintu n'ibindi:
   - Ikibazo cy'isuku mu Murenge wa Gatsata;
   - Kwakira Urumuri rw'Ikizere;
   - Amakuru y'umwiherero w'Abayobozi Bakuru b'Igihugu.

**Ingingo ya mbere: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama yateranye ku wa 28/12/2013 n'iy'inama yateranye ku wa 12/1/2014.**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abitabiriye inama ko inyandikomvugo bazigejejweho kare basabwa kuzikorera ubugororangingo, abashimira kuba barabukoze, bityo asaba ko iyi ngingo batayitindaho kuko ubugororangingo bwatanzwe bwongewemo. Kubirebana n'uburyo imyanzuro yemejwe yashyizwe mu bikorwa yasobanuye ko bari buze ku bigarukagaho mu ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yemejwe n'Inama Njyanama, maze akomeza abagezaho ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yamwandikiye zivuga kuri iyo myanzuro n'uko yashyirwa mu bikorwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho inyandikomvugo n'uburyo zakorewe ubugororangingo, no kugezwaho ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yashubije kuri iyo myanzuro, bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 36.01.473**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama yateranye ku wa 28/12/2013 n'iy'inama yateranye ku wa 12.1.2014, zongewemo ubugororangingo bwatanzwe.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya mbere: Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere.**

Perezida wa Komite Ngenzuzi yamenyesheje abitabiriye inama ko raporo bagiye kubagezaho ikubiyemo ibyavuye mu bugenzuzi Bwite bw'Akarere bwakorewe Imirenge ya Kinyinya na Jali n'Ikigo Nderabuzima cya Kinyinya, uko Budget y'Akarere ka Gasabo yashyizwe mu bikorwa mu mwaka wa 2012-2013 n'uko imyanzuro ya Komite Ngenzuzi y'Akarere ka Gasabo yashyizwe mu bikorwa.

**1.1. Raporo y'ubugenzuzi Bwite bw'Akarere bwakoreye Akarere, Imirenge ya Kinyinya na Jali n'Ikigo Nderabuzima cya Kinyinya.**

Perezida wa Komite Ngenzuzi yasobanuye ko raporo yakozwe mu mirenge ya Kinyinya, Jali, no mu Kigo Nderabuzima cya Kinyinya basanze hari amakosa ahurirwaho mu mirenge no mu kigo nderabuzima byakorewe igenzura. Ayo makosa ni aya akurikira:

- Itegeko rigenga itangwa ry'amasoko ya Leta ritubahirizwa kimwe n'amabwiriza agenga imikoreshereze y'imari ya Leta
- Ibitabo by'ibaruraramari ntibyuzuzwa uko bikwiye mu Mirenge no mu kigo Nderabuzima.
- Amafaranga ava kuri konti z'Imirenge adafite ibisobanuro by'imikoreshereze yayo.
- Amafaranga ava kuri konti z'Ikigo nderabuzima cya Kinyinya adafite ibisobanuro by'imikoreshereze yayo.

- Ikigo Nderabuzima cya Kinyinya kidakora raporo y'ibaruramari
- Imikoreshereze y'ikirenga ku mafaranga ya caisse.

Perezida wa Komite y'Ubugenzuzi yagejeje ku bari mu nama inama n'imyanzuro Komite Ngenzuzi itanga nyuma yo gusesengura izo raporo.

Abari mu nama bamaze kugezwaho iyo raporo ya Komite Ngenzuzi, bunguranye ibitekerezo bashingiye ku nama zatanzwe na Komite y'Ubugenzuzi maze bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 36.02.474**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi gusaba ibisobanuro Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ya Jali na Kinyinya n'Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Kinyinya ku mafaranga yaburiwe irengero n'adafite impapuro zihagije ku mikoreshereze yayo, bitaboneka mu gihe cy'ukwezi kumwe cyangwa se ibisobanuro batanga byaba bitanyuze bagahanwa hakurikijwe amategeko.

**Umwanzuro No 36.03.475**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi gushakira abacungamari b'Imirenge n'Ibigo Nderabuzima amahugurwa ahagije kugirango barusheho kunoza akazi kabo nkuko byari byasabwe n'Inama Njyanama kuwa 05/10/2012 no ku wa 12/01/2014.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**1.2.Gusuzuma uko Budget y'Akarere ka Gasabo yashyizwe mu bikorwa mu mwaka wa 2012-2013.**

Perezida wa Komite Ngenzuzi yagaragaje ko hasesenguwe raporo y'icungamari y'Akarere umwaka wa 2012/2013. Komite igasanga amafaranga aturuka ku misoro (owner revenues) ndetse na Earmark Transfers yarakoreshejwe uko yarateganyijwe, ariko Akarere ntabwo kashoboye kwinjiza amafaranga yose nkuko bigaragarira mu Ngengo y'imari y'Akarere 2012/2013 ndetse n'amafaranga aturuka muri "Central Government" ntabwo yose yashoboye kuza uko yateganyijwe. Yasobanuye ko ibi byatumye Akarere kadashobora gukora ibyo kateganyaga byose ku buryo Akarere ku mafaranga kakoresheje harenzeho amafaranga y'u Rwanda 683,168,585 afatwa nk'umwenda yakoreshejwe mu bikorwa bitari biteganyijwe.

Komite y'Ubugenzuzi ikagaragaza impungenge ko nyuma y'uyu mwaka uwo mwenda ushobora kwiyongera. Ikindi n'uko ibisobanuro by'ibyakoreshejwe ayo mafaranga byari bitaraboneka iyi raporo isohoka.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho uburyo ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka ushize yakoreshejwe bunguranye ibitekerezo bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 36.04.476**

Inama Njyanama yasabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ari nawe muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari kuzageza ku Nama Njyanama ibikorwa byatwaye ayo mafaranga 683,168,585 afatwa nk'umwenda n'uburyo twava muri ibyo bibazo by'amafaranga

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama

**1.3. Uko imyanzuro ya Komite Ngenzuzi y'Akarere ka Gasabo yashyizwe mu bikorwa.**

Perezida wa Komite Ngenzuzi yasobanuye ko hashingiwe ku mwanzuro wemejwe n'Inama Njyanama mu nama yateranye ku wa 12.1.2014, hemejwe ko Imirenge , Ibigo byose byagenzuwe muri icyo gihe bisabwa ibisobanuro ku byagaragajwe n'Abagenzuzi Bwite b'Akarere , ku rwego rw'Akarere hasabwe ko ibyagaragajwe byakosorwa hakurikijwe uko bigaragara muri raporo ndetse bigatangirwa n'ibisobanuro bifatika.
Ni muri urwo rwego, ubuyobozi bw'Akarere bwasabye Abagenzuzi bako kwakira ibisobanuro ndetse hanarebwa niba bihuye nibyari byaragaragajwe mu maraporo atandukanye yatanzwe mu nzego zitandukanye zigenewe gutangamo izo raporo.

Mu bisobanuro byatanzwe, abagenzuzi basobanuye ko inyandikonsobanuro nyinshi zagaragajwe, mu buryo bukurikira :

Kuri raporo y'Ubugenzuzi bwakorewe Akarere ka Gasabo mu mwaka wa 2009-2010 yatanzwe ku wa 24/12/2010, amakosa cyangwa amakosa 14 yagaragaye 11yarakosowe, hasigaye 3 bingana na 75,5%

Raporo yakorewe Ibitaro bya Kibagabaga guhera Mutarama 2008 - Ukuboza 2009 kubufatanye bw'Abagenzuzi Bwite b'Akarere, Minisante, Umujyi wa Kigali ndetse na MINECOFIN yatanzwe mu kwezi k'Ukwakira /2010, ku nama 13 zatanzwe, 8 zashyizwe mu bikorwa bingana na 61,5%

Raporo yakorewe ishuri rya FAWE GIRLS SCHOOL ku myaka ya 2008-2009 yatanzwe kuwa 28/01/2011, mu nama 3 zatanzwe 1 yashyizwe mu bikorwa bingana na 33,33%

Raporo y'Umurenge wa Kimironko (2009-2010) yatanzwe kuwa 18/07/2010, hagaragajwe ko inama 3/ 3 zashyizwe mu bikorwa bingana na 100%

Ubugenzuzi bwakorewe ibigo by'amashuri ku mikoreshereze ya "capitation grant" y'umwaka wa 2009 yatanzwe kuwa 10/05/2011 yo kuwa 09/05/2011, ibigo 31 byasabwe ibisobanuro n'ubuyobozi maze ibigo 26 byatanze ibisobanuro bifatika hari hasigayemo 5, 3 bitanga na none ibisobanuro byasabwaga bikaba 29 hasigaye 2= 93,5%

Raporo yakorewe Ikigo Nderabuzima cya Police Kacyiru harebwa imikoreshereze y'Imari umwaka wa 2010/2011 na 2011/2012 yatanzwe ku wa 07/09/2012, mu makosa 10 yagaragaye, 8 yarakosowe bingana na 80%.

Raporo yakorewe Umurenge wa Gisozi umwaka wa 2010/2011 na 2011/2012 yatanzwe kuwa 14/05/2013 amakosa 8/8 yari yagaragaye yose yarakosowe bingana 100/100

Raporo yakorewe Umurenge wa Kacyiru umwaka wa 2010/2011 na 2011/2012 yatanzwe kuwa 30/05/2013, amakosa 7 yari yagaragaye yose yarakosowe bingana 100/100

Raporo yakorewe Umurenge wa Gatsata umwaka wa 2010/2011 na 2011/2012 yatanzwe kuwa 19/06/2013, amakosa 8/8 yari yagaragaye yose yarakosowe bingana 100/100

Raporo yakorewe Umurenge wa Remera umwaka wa 2010/2011 na 2011/2012 yatanzwe kuwa 10/06/2013 amakosa 8/8 yari yagaragaye yose yarakosowe bingana 100/100

Raporo y'Akarere (2010-2011) yakozwe kubufatanye bw'Umujyi wa Kigali yatanzwe 14/04/2012amakosa 16 yagaragajwe 15 yarakosowe bingana na 93,75%

Raporo yakorewe Akarere umwaka 2011/2012 yatanzwe kuwa 24/12/2012, amakosa 16 yari yagaragajwe 13 yarakosowe bingana na 81,25%

Raporo y'ubugenzuzi bwakorewe Akarere ( July 2012 to December 2012) yatanzwe kuwa 02/08/2013 mu makosa 9 yagaragaye 7 yarakosowe bingana na 77,77%

Raporo yakorewe Umurenge wa Kimihurura umwaka wa 2010/2011 na 2011/2012 yatanzwe ku wa 30/05/2012, mu makosa 7 yagaragaye 6 yarakosowe bingana na 85,71%

Raporo yakorewe Umurenge wa Kimironko umwaka wa 2010/2011 na 2011/2012 yatanzwe kuwa 13/06/2012, ku makosa 7 yari yagaragaye 6 yarakosowe bingana na 85,71%

Perezida wa Komite y'Ubugenzuzi amaze kugaragaza ingano y'amakosa yakosowe, nyuma y'ibisobanuro bitandukanye byagiye bisabwa abagenzuwe, yanagaragaje ibyifuzo by'abagenzuzi.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyo raporo, bunguranye ibitekerezo basuzuma ibyifuzo bya Komite Ngenzuzi maze bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 36.05.477**

Nyuma yo gusabwa ibisobanuro ku bakoreweho ubugenzuzi bwavuzwe haruguru bikaba byagaragaye ko kugeza n'ubu bitaratangwa byose, Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi kwishyuza abanze gutanga isobanuro ku mafaranga bakoresheje mu buryo bunyuranije n'amategeko, byaba ngombwa bagashyikirizwa inzego z'ubutabera.

**Umwanzuro No 36.06.478**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo irajya inama ko mu rwego rwo kugira ngo Akarere kacu kazabashe kuza ku isonga mu tundi Turere mu gushyira mu bikorwa umuhigo wa "clean audit" kandi hakoreshejwe igihe cyateganyijwe n'amategeko, imaze gusesengura ibikubiye mu ma raporo yatanzweho ibisobanuro, irasaba ko impapuro nsobanuro z'amafaranga aba yarasohowe

zajya zibikwa neza, Ubugenzuzi Bwite bw'Akarere ka Gasabo bukazigeraho mu gihe gikwiye, bitavunanye cyangwa hatagombye kwitabazwa izindi nzego bityo raporo zitangwe zitagombye gusubirwamo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22/ bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya gatatu: Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri 2013-2014**

Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri 2013-2014. Yasobanuye ko iyi raporo igaragaza aho ibikorwa byari bigeze kugeza mu kwezi k'Ukuboza 2013. Akoresheje uburyo bw'amashusho yagaragaje aho ibikorwa byakozwe bigeze cyane cyane ibikorwa biri mu mihigo.

Yasobanuye kandi ko iyi raporo ikubiyemo ibyakozwe n'Inama Njyanama y'Akarere, ibyakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere n'ibindi bikorwa byakorewe muri za serivisi. Muri iyi raporo hagaragajwemo n'uburyo ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo yakoreshejwe n'uko yinjiye.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ibikorwa byose byakozwe mu gihembwe cya kabiri 2013 2014, bunguranye ibitekerezo, bashingiye no ku kibazo cyagaragajwe kirebana n'abaturage bo mu Murenge wa Jabana Akagari ka Ngiryi babuze imbuto y'ibigori n'ifumbire, bamaze no gusobanurirwa ko hashojwe igihembwe cy'ihinga, maze bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 36.07.479**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri 2013-2014 imaze gukorerwa ubugororangingo.

**Umwanzuro No 36.08.480**

Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Ubukungu, Imari n'Iterambere gukurikirana icyo kibazo cy'ibura ry'ifumbire n'imbuto y'ibigori mu Murenge wa Jabana mu Kagari ka Ngiryi basanga nta yindi mbuto ihari abaturage bagahabwa uburenganzira bwo guhinga imbuto zabo basanganywe kugira ngo intabire bahinze idapfa ubusa.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya kane: Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ka Gasabo 2013-2014**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije abari mu nama ko iyi ngingo bayiganiriyeho mu nama nyunguranabitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo yabaye ku itariki ya 18 Gashyantare 2014, asaba ko Komite Nyobozi yabagezaho imihigo ikiri inyuma n'imihigo itaragira icyo ikorwaho.

Abari mu nama bamaze kugezwaho icyo gitekerezo ku bwumvikane busesuye barabyemeje.

Umuyobozi w'Akarere akoresheje uburyo bw'Amashusho yagaragarije abari mu nama imihigo yadindiye n'impamvu zatumye idindira ndetse anabagezaho n'imihigo itaragira icyo ikorwaho kandi asobanura impamvu ya buri muhigo.

Ku birebana no kubaka Umurenge wa Remera hasobanuwe ko byatewe n'uko bahinduye inyigo, yari yakozwe kuko byari biteganyijwe ko icyumba cy'inama cyubakwa ukwacyo, nyuma bagasanga cyaba mu igorofa kikazajya mu nzu yo hasi ibiro bikajya hejuru. Naho ku birebana n'inyubako y'i biro by'Umurenge wa Kimihurura, Umuyobozi w'Akarere yasobanuye ko basanze ahari haremejwe n'Inama Njyanama hatajyanye n'inyubako y'i biro by'Umurenge ndetse asobanura ko ari yo mpamvu iyo ngingo hasabwe ko yakongera kuganirwaho.

Umuyobozi w'Akarere yabasobanuriye ko nk'uko byari byasabwe, buri Mujyanama yamenyeshejwe imihigo agomba gukurikirana ndetse hanagaragazwa n'abakozi bakurikirana iyo mihigo umunsi ku wundi, asobanura ko inshingano z'Umujyanama ari uko yamenya aho umuhigo ugeze kuko byagaragaye ko bitera umwete n'imbaraga abakozi.

Nyuma y'ibitekerezo bitandukanye byatanzwe n'abagize Inama Njyanama ndetse n'ibisobanuro byatanzwe na Komite Nyobozi, abagize Inama Njyanama bemeje imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 36.09.481**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kongera imbaraga mu bikorwa by'imihigo kuko hasigaye igiye gito isuzuma ryo ku rwego rw'Igihugu rikaba.

**Umwanzuro No 36.10.482**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yagarutse ku mwanzuro No 23.14.353 wemejwe mu nama yateranye ku wa 28/12/2012, ahavuga ko Umurenge wa Kimihurura uzimurirwa mu Kagari ka Rugando, yemeza ko i biro by'Umurenge wa Kimihurura bizubakwa mu Kagari ka Kamukina.

**Umwanzuro No 36.11.483**

Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kugisha inama inzego zikuriye Akarere ku kibazo cy'ikibanza kiri mu Kagari ka Kamukina Akarere kifuza kubakamo i biro by'Umurenge wa Kimihurura.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 19/23 bari mu cyumba cy'inama, Abajyanama 4 bifashe.

**<u>Ingingo ya gatanu</u>: Uburyo imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere y'igihembwe cya mbere n'icya kabiri 2013-2014 yashyizwe mu bikorwa.**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bitabiriye inama uburyo imyanzuro yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemejwe kuva muri Nyakanga 2013 kugeza muri Mutarama 2014 yashyizwe mu bikorwa. Yagaragaje ko mu nama z'Inama

Njyanama 6 zateranye hemejwe imyanzuro 62 muri yo imyanzuro 44 yashyizwe mu bikorwa bingana 70,9% iri mu nzira zo gushyirwa bikorwa ni 17 bingana na 27,4% naho itarashyirwa mu bikorwa ni 1 bingana na 1,6%. Asobanura n'impamvu uwo mwanzuro 1 utashyizwe mu bikorwa.

Abari mu nama bamaze kugezwaho iyo raporo bunguranye ibitekerezo bashima n'uburyo imyanzuro ishyirwa mu bikorwa.

**<u>Ingingo ya gatandatu</u>: Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'Imari y'Akarere mu gihembwe cya kabiri 2013-2014**

Iyi ngingo abari mu nama bagaragarijwe ko bayigejejweho muri raporo ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri 2013-2014, maze ku bwumvikane busesuye abari mu nama bemeza ko bakomeza basuzuma izindi ngingo.

**<u>Ingingo ya karindwi</u>: Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yahawe umwanya ageza ku bitabiriye inama raporo y'ibyo Komisiyo yakoze.

Yasobanuye ko Komisiyo yasuzumye ibintu bitandukanye birimo:

1. Gusuzuma imyinjirize y'imisoro mu mwaka wa 2013-2014
2. Umushinga wo kubaka imihanda nk'igikorwa cy'inyungu rusange
3. Ikibanza No 1675 cyanditswe ku Karere cyahabwa MINISPOC
4. Umushinga wa RHA wo kubaka amazu aciriritse
5. Ikibazo cy'umuhanda ugana ku kimoteri rusange cy'Umujyi wa Kigali giherereye mu Murenge wa Nduba.

7.1. **Gusuzuma imyinjirize y'imisoro mu mwaka wa 2013-2014**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko yahuye n'Umuyobozi w'Ishami ry'Imari akabagezaho uko imisoro yagiye yinjira kuva muri Nyakanga 2013 kugeza mu Ukuboza 2013, Komisiyo igasanga hari hateganyijwe ko Akarere kagomba kwinjiza amafranga angana na 2.754.970.087 Frw ariko hakaba hari hamaze kwinjira 1.807.998.720 gusa ; ni ukuvuga 65% by'amafaranga yari ateganyijwe kwinjizwa. Yagaragaje kandi imbogamizi zatumye amafaranga atinjira uko byari biteganyijwe.

Abari mu nama bamaze kugezwaho uburyo amafaranga yinjiye bunguranye ibitekerezo bemeza umwanzuro ukurikira:

Umwanzuro No 36.12.484

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere ko yakwihutisha igikorwa cyo kunoza urutonde rw'abasora bityo rukazafasha kubakurikirana neza ndetse no kunoza imyinjirize y'imisoro.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 7.1. Umushinga wo kubaka imihanda nk'igikorwa cy'inyungu rusange

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko basuzumye ibaruwa y'Umujyi wa Kigali isaba Inama Njyanama ko yakwemeza ko ahazakorerwa iyagurwa ry'imihanda ya Kibagabaga–Kinyinya, MINAGRI-Nyarutarama na Nyandungu-Masoro ko hakwemezwa nk'ibikorwa by'imishinga y'inyungu rusange. Yagaragaje ko nyuma yo gusuzuma izo baruwa, no gusanga ibikorwa byo kubaka imihanda ari inyungu rusange, Komisiyo yagiye inama isaba Inama Njyanama kwemeza ko umushinga wo gukora iriya mihanda ari imishinga y'inyungu rusange, kuko izakoreshwa n'abantu bose kandi izafasha kugabanya uruvunge rw'imodoka zanyuraga muri iyo mihanda.

Abari mu nama bamaze kugezwaho icyo gitekerezo no kungurana ibitekerezo, bemeje umwanzuro ukurikira :

Umwanzuro No 36.13.485

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje imishinga ikurikira nk'imishinga y'inyungu rusange, yemeza ko abaturage bafite imitungo ahazakorerwa iyo mishinga bazahabwa ingurane ku mpamvu z'inyungu rusange bakishyurwa hubahirijwe amategeko.

1. Umushinga wo gukora umuhanda Kibagabaga –Kinyinya;
2. Umushinga wo gukora umuhanda MINAGRI – Nyarutarama;
3. Umushinga wo gukora umuhanda Nyandungu – Masoro.

### 7.3. Gusaba ko ikibanza No 1675 cyanditswe ku Karere cyahabwa MINISPOC

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko yasuzumye ikibazo yashyikirijwe kirebana n'ikibanza No 1675 cyanditswe ku Karere cyahabwa MINISPOC. Yasobanuye ko iki kibanza giherereye mu Murenge wa Gisozi mu Kagari ka Ruhango mu Mudugudu wa Kanyinya, giherereye inyuma y'Urwibutso rwa Gisozi. Iki kibanza kimuwemo abaturage mu rwego rwo gucunga umutekano w'Urwibutso, amafaranga y'ingurane akaba yaratanzwe n'Umujyi wa Kigali ariko nawo uyahawe na MINECOFIN. Iki kibanza cyaje kubarurwa ku Karere ka Gasabo, kubera ko ariko kimuye abaturage bari bahafite imitungo,

Yongeyeho ko mu rwego rwo kwagura ibikorwa by'Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, MINISPOC yasabye ko icyo kibanza bagihabwa, ariko Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'Umutungo Kamere (RNRA), akaba yarasabye ko kugirango cyandikwe kuri MINISPOC ari uko byakwemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo. Iyo ikaba ari yo mpamvu

MINISPOC yandikiye Akarere igasaba ko icyo kibanza cyava mu mitungo yako kigahabwa MINISPOC.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo bamaze kugezwaho ikibazo cyo gukura ikibanza No 1675 mu mitungo y'Akarere kikandikwa kuri MINISPOC, imaze gusanga iyo Minisiteri ariyo ishinzwe imicungire y'Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, yemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 36.14.486**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko ikibanza No 1675 giherereye mu Murenge wa Gisozi mu Kagari ka Ruhango mu Mudugudu wa Kanyinya cyavanwa mu mitungo y'Akarere ka Gasabo kigahabwa MINISPOC hubahirijwe amategeko.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

**7.4. Umushinga wa RHAwo kubaka amazu aciriritse.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko Komisiyo yasuzumye ibaruwa yanditswe n'Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali usaba Akarere ka Gasabo kwemeza umushinga wo kubaka amazu aciriritse mu Kagari ka Kibenga mu Murenge wa Ndera nk'igikorwa cy'inyungu rusange. Perezida wa Komisiyo yasobanuye ko uyu mushinga wateguwe na "Rwanda Housing Authority" mu rwego rwo gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali, hubakwa amazu aciriritse muri gahunda yo gufasha abaturage benshi kubona amazu aciriritse kandi yubatse mu buryo bwubahirije igishushanyombonera.

Perezida wa Komisiyo yagaragaje ko amafaranga yo kwimura abaturage azatangwa na RHA kandi ko yateganyijwe mu ngengo y'imari y'uyu mwaka 2013-2014. Ikindi yagaragaje n'uko abaturage bafite imitungo aho umushinga uzakorerwa baganirijwe kuri uyu mushinga.

Abari mu nama bamaze kugezwaho uwo mushinga no kuwunguranaho ibitekerezo no kugaragarizwa n'Umuyobozi w 'Akarere ko uwo mushinga ari umwe mu mishinga yaganiriweho mu mwiherero w'Abayobozi bakuru b'Igihugu, bemeje umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No 36.15.487**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko umushinga wa RHA wo kubaka amazu aciriritse mu murenge wa Ndera mu Kagari ka Kibenga ugamije gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali ari igikorwa cy'inyungu rusange bityo abaturage bahafite imitungo bakazahabwa ingurane ikwiye kandi hubahirizwa amategeko.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

7.5. **Ikibazo cy'umuhanda ugana ku kimoteri rusange cy'Umujyi wa Kigali giherereye mu Murenge wa Nduba.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagaragarije ikibazo cy'umuhanda urimo ubunyereri cyane ugana ku kimoteri rusange kiri mu Murenge wa Nduba bityo bikaba bishobora gutuma imodoka zijyana yo imyanda zishobora kubura inzira mu gihe cy'imvura.

Abari mu nama basanze ari ikibazo gikomeye maze bagaragaza ko uyu muhanda ukwiye gukorerwa ubuvugizi ku rwego rw'Umujyi wa Kigali kugira ngo higwe uburyo wazakorwa.

**Ingingo ya munani : Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza**

Perezida wa komisiyo y'Imiyoborere myiza yahawe umwanya ageza ku bagize inama Njyanama raporo ya Komisiyo. Yasobanuye ko iyo raporo ikubiyemo ingigo zikurikira :

1. Ikibazo kiri ku irimbi rya Rusoro;
2. Ikibazo cya Modern construction and Furniture, ihagarariwe na Bwana NDAYISHIMIYE Richard;
3. Ikibazo cya Bwana NGAMIJE Augustin;
4. Intera z'imyanya Inama Njyanama yemeje ko yongerwa mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ;
5. Amabwiriza yo gukurikirana imihigo mu Karere ka Gasabo;

8.1. **Ikibazo kiri ku irimbi rya Rusororo**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abagize Inama Njyanama, ko nk'uko byemejwe mu nama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo Komite Nyobozi y'Akarere yasabwe gutegura amasezerano mashya y'imicungire y'irimbi rya Rusororo hakurikijwe ibiciro by'imva byemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere hashingiwe kandi no ku itegeko rishya rigenga amarimbi. Asobanura ko yagejweho umushinga w'amasezerano ariko Komisiyo ikaba yarasanze muri iyo masezerano hari ibyakongerwamo, byamaze gushyikirizwa Komite Nyobozi.

8.2. **Ikibazo cya Modern construction and Furniture, ihagarariwe na Bwana NDAYISHIMIYE Richard**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yasobanuye ko yakurikiranye ikibazo cya Modern construction and Furniture, ihagarariwe na Bwana NDAYISHIMIYE Richard wandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama asaba kurenganurwa kubera akarengane yagiriwe n'Akarere ka Gasabo bitewe n'amasezerano n$^0$ TN/032/gas/2012-13 yagiranye n'Akarere yerekeranye no gusana isoko rya Kimironko yo kuwa 18/01/2013 hamwe n'ibaruwa n0 635/07.01.02 yo kuwa 25/02/2013 imusaba gutangira imirimo.

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yasobanuye ko Komisiyo yifashishije abatekinisiye b'Akarere bashinzwe Imitangire y'amasoko na injeniyeri wabikurikiranye basura imirimo yakozwe barikumwe n'impande zombi.Yasobanuye ko nyuma yo kumva ibisobanuro bya ''Modern construction and Furniture'', n'abakozi b'Akarere bakurikiranaga isanwa ry'isoko,

bakurikije kandi inyandiko babonye n'ibisobanuro bahawe basanze amafaranga Akarere kamubarira ahwanye n'ibikorwa yakoze bihwanye n'amafaranga 46 096 615, kandi akanakosora imirimo atakoze neza.

Imirimo yose yagombaga gukorwa yari ifite agaciro ka 67 870 438 naho agaciro k'imirimo itarakozwe ni 21 773 823.

Abari mu nama bamaze kugezwaho iki kibazo no kungurana ibitekerezo, bemeje umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No 36.16.488**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Akarere ka kwishyura ''Modern construction and Furniture'', ihagarariwe na Bwana NDAYISHIMIYE Richard amafaranga ahwanye n'ibikorwa yakoze (46,096,615Frw), havanywemo ayo yishyuwe kandi akanakosora imirimo atakoze neza.

**8.3. Ikibazo Perezida w'Inama Njyanama yashyikirije Komisiyo y'Imiyoborere Myiza cya Bwana NGAMIJE Augustin wasabye kurenganurwa ku musoro w'ubukode bw'ubutaka.**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagaragaje ko Bwana NGAMIJE Augustin yandikiye ubuyobozi butandukanye burimo n'ubw'Akarera asaba kumenyeshwa ubutaka bwe kugira ngo abusorere, akaba atabikorewe ngo amenyeshwe ingano y'ubutaka bwe. Ibyo byatumye atishyura imisoro ku gihe aribyo byatumye yishyuzwa ibihano by'ubukererwe.

Komisiyo yasobanuye ko mu gukurikirana iki kibazo yifashishije umunyamategeko w'Akarere (Land lawyer) n'umwakirizi w'imisoro mu Karere, basanga inyungu z'ubukererwe atazishyuzwa kuko amakosa atatuturutse ku muturage, ahubwo byatewe n'ubuyobozi bwatinze kumugaragariza ubuso bw'ukuri bw'ubutaka afite.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho imiterere y'ikibazo cya Bwana NGAMIJE Augustin, bunguranye ibitekerezo bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 36.17.489**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Bwana NGAMIJE Augustin yakwishyuzwa gusa imisoro y'ubuso bungana na 682 $m^2$ kuva mu mwaka 2000, hatabariwemo inyungu z'ubukererwe nk'uko yabisabye, kuko amakosa yayakoreshejwe n'ubuyobozi bwo butamugaragarije ubuso bw'ubutaka bwe nk'uko yari yabisabye.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**8.4. Ikibazo cy'imyanya y'imirimo isabirwa gushyirwa mu nzego z'imirimo (Grille salariale)**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko hashingiwe ku mwanzuro No 34.3.456 wemejwe mu nama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 28/12/2013 uvuga ko ***Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere yakomeza gukurikirana ikibazo kirebana n'imyanya yasabwe kongerwa mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo mu Karere ka Gasabo ndetse ikagena n'urwego iyo myanya yajyaho hitawe ku bugororangingo bwatanzwe.*** Komisiyo y'Imiyoborere Myiza, ishingiye no ku ibaruwa y 'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali isubiza kuri iyo myanzuro aho yatwibukije ko Inama Njyanama y'Akarere ariyo igena inzego z'imirimo n'ibyo zishinzwe mu Karere nk'uko biteganywa n'ingingo ya 74 y'itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Iguhugu zegerejwe abaturage, yasuzumye inzego iyo myanya yajyaho, hakurikijwe urwego umwanya usanzwe uriho cyangwa ishingano zisabwa kuzuzwa n'uri kuri uwo mwanya, ndetse agaragaza n'uburyo bwakoreshejwe.

Abari mu nama bamaze kugezwaho iki kibazo, kugisesengura no kunguranaho ibitekerezo hashingiye ku biteganywa n'amategeko yemeje imyanzuro ikurikira :

**Umwanzuro No 36.18.490**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje imyanya 41 yongewe mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo mu Karere yashyirwa mu ntera/urwego (grille salariale) dusanga mu mbonerahamwe iri ku mugereka

**Umwanzuro No 36.19.491**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abari muri iyo myanya mu gihe batarashyirwa ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo itangwa na MIFOTRA, bajya bazamurwa mu ntera bitewe n'isuzuma bushobozi bakorewe nk'uko bikorerwa abandi.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 21/21/ bari mu cyumba cy'inama.

**8.5. Amabwiriza yo gukurikirana imihigo mu Karere ka Gasabo**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko ishingiye ku myanzuro y'inama yahuje Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze yateranye ku wa 18/7/2014, wasabaga ko Inama Njyanama zizashyiraho amabwiriza yihariye ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo. Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ikaba yarateguye ayo mabwiriza isaba Inama Njyanama ko yayemeza kugira ngo azatangire kubahirizwa.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ingingo zikubiye muri ayo mabwiriza no kuyunguranaho ibitekerezo bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 36.20.492**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje kandi ishyiraho amabwiriza N° 001/2014 yo ku wa 15 Werurwe 2014, Agenga itegurwa, Ishyirwa mu bikorwa n'Isuzuma ry'imihigo mu Karere ka Gasabo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya cyenda</u>: Ibintu n'ibindi**

**A. Ikibazo cy'isuku mu Murenge wa Gatsata**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye umwanya Abajyanama batuye mu Murenge wa Gatsata kugira ngo babagezeho icyakozwe nyuma y'Inteko rusange y'Akarere yabaye ku itariki ya 2/3/2014, Ubwo Nyakubahwa minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yagayaga ubuyobozi bw'uwo Murenge ku birebana n'isuku nke usanga muri uwo Murenge.

Abajyanama batuye mu Murenge wa Gatsata bagaragaje ko byababateye isoni kubona Umurenge bahagarariye ugawa bityo nyuma yaho bakaba barakoze inama n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugali hamwe n'Inzego z'ubuyobozi ziri mu Murenge bakaba barafashe ingamba. Bagaragaza ko Umurenge utabafasha kuzishyira mu bikorwa kuko hari abatuzuza inshingano bahawe. Basobanuye ko mu ngo ikibazo cy'isuku kimeze neza, uretse abantu bake bakijugunya imyanda muri ruhurura.

Ku birebana n'isuku yo ku muhanda munini wa kaburimbo hasobanuwe ko ikibazo gihari ari rwiyemezamirimo kuko yitwaza ko Umurenge atiri wo wamuhaye isoko. Ikindi kigaragara kuri uwo rwiyemezamirimo ukora ku muhanda munini ni umubare muke w'abakozi bake akoresha kuko ku bakozi 12 agomba gukoresha kuri uriya muhanda hakora abakozi 2 gusa. Bikagaragara ko batahakora neza.

Abari mu nama bamaze kungurana ibitekerezo kuri icyo kibazo, no gusanga mu Murenge hari ibindi bibazo bitandukanye birimo kubaka mu kajagari, babajije Komite Nyobozi icyo yaba iri kubikoraho, Umuyobozi w'Akarere asobanura ko hari ibyatangiye gukorwa bazabamenyesha mu minsi ya vuba.

**B. Gahunda yo kwakira Urumuri rw'Icyizere mu Karere ka Gasabo**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku bari mu nama gahunda y'Akarere ka Gasabo yo kwakira Urumuri rw'Ikizere. Yasobanuye ko imyiteguro yatangiye kuko Akarere ka Gasabo kazarwakira ku itariki ya 3/4/2014, rukazaba ruturutse mu Karere ka Nyarugenge, nyuma rukazashyikirizwa Akarere ka Kicukiro.Yasobanuye ko ruzakirirwa mu murenge wa Ndera, ndetse asaba buri wese kuzitabira icyo gikorwa.

C. **Amakuru y'umwiherero w'Abayobozi Bakuru b'Igihugu.**

Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bari mu nama amakuru y'umwiherero w'abayobozi Bakuru b'Igihugu, abagezaho n'imyanzuro yafatiwemo, ababwira ko igomba gutangira gushyirwa mu bikorwa kuko ari nk'itegeko.

Inama yari yatangiye saa mbiri n'iminota mirongo ine n'itanu za mugitondo (08h45) yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (18h00).

Bikorewe i Gasabo ku wa 15 Werurwe 2014.

Umwanditsi w'inama

**MUKESHIMANA Régine**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

Umuyobozi w'inama:

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

C. **Amakuru y'umwiherero w'Abayobozi Bakuru b'Igihugu.**

Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku bari mu nama amakuru y'umwiherero w'abayobozi Bakuru b'Igihugu, abagezaho n'imyanzuro yafatiwemo, ababwira ko igomba gutangira gushyirwa mu bikorwa kuko ari nk'itegeko.

Inama yari yatangiye saa mbiri n'iminota mirongo ine n'itanu za mugitondo (08h45) yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (18h00).

Bikorewe i Gasabo ku wa 15 Werurwe 2014.

Umwanditsi w'inama

**MUKESHIMANA Régine**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

Umuyobozi w'inama:

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO